RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2023** Taliki 28-30 Mata




**P1. Handball :** Ikipe y'u Rwanda U-17 yegukanye igikombe cy'Akarere ka 5

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Handball :** Ikipe y'u Rwanda U-17 yegukanye igikombe cy'Akarere ka 5

P2 **Football :** Uko imikino y'umunsi wa 27 yageze

P2 **Handball :** Uko imikino ya shampiyona yagenze

P3 **Basketball :** Uko imikino ya shampiyona yagenze

P4 **Cycling :** Ngendahimana na Ingabire begukanye "Race to Remember 2023"

P5 **Football :** Rayon Sports na Indahangarwa zazamutse mu cyiciro cya mbere

P5 **Wheelchair Basketball :** Hatangijwe igikorwa cyo guhuza Sosiyete y'abafite ubumuga n'abatabufite

P6 **Wheelchair Basketball :** Hatangijwe igikorwa cyo guhuza Sosiyete y'abafite ubumuga n'abatabufite

1

# **Handball :** Ikipe y'u Rwanda U-17 yegukanye igikombe cy'Akarere ka 5



Kuva taliki 25 kugeza 30 Mata 2023 i Dar es Salaam muri Tanzania habereye irushanwa ry'Akarere ka 5 mu mukino wa Handball mu bakobwa batarengeje imyaka 17 "IHF Women U-17 Trophy Africa Zone 5" maze ikipe y'u Rwanda yegukana igikombe inabona itike y'imikino y'Afurika.

Iyi mikino y'Akarere ka 5 yari yitabiriwe n'amakipe 8 ashyirwa mu matsinda abiri, itsinda A ryarimo u Rwanda, Tanzania, Djibouti na South Sudan naho itsinda B rikabamo Ethiopia, Kenya, Burundi na Somalia.




Ikipe y'u Rwanda yitwaye neza itsinda imikino yose y'amajonjora isoza iyoboye urutonde. Iyi kipe yatsinze Djibouti ibitego 52 kuri 02, itsinda South Sudan ibitego 45 kuri 15 itera mpaga ikipe ya Tanzania, ibitego 10 kuri 0.

Muri ½, ikipe y'u Rwanda U-17 yitwaye neza itsinda Ethiopia ibitego 47 kuri 06 naho ku mukino wa nyuma, iyi kipe yatsinze u Burundi ibitego 38 kuri 13.

Ikipe y'u Rwanda U-17 yahise ikatisha itike yo kuzaserukira Akarere ka 5 mu mikino y'Afurika aho yasanze ikipe ya Guinea (Zone 2) na Nigeria (Zone 3).



Taliki 23 kugeza 27 Gicurasi 2023 hateganyijwe imikino yo mu Karere ka 4 (Zone 4) izabera i Libreville muri Gabon ahazahurira amakipe 6 ari yo Gabon, Central African Republic, Chad, RDC, Guinea Equatorial na São Tomé and Príncipe. Hazaba kandi n'imikino y'Akarere ka 6 (Zone 6) ikazabera i Johannesburg, South Africa aho izitabirwa n'amakipe 9 ari yo South Africa, Lesotho, Mozambique, Zambia, Zimbabwe, Malawi, Namibia, Botswana na Eswatini.

Aya makipe yose namara kuboneka ni bwo hazatangazwa igihugu kizakira imikino y'Afurika ndetse n'igihe izabera. Iyi mikino y'Afurika izanatanga itike y'igikombe cy'Isi.





## **Football :** Uko imikino y'umunsi wa 27 yageze

Taliki 29 na 30 Mata 2023 hakinwe imikino y'umunsi wa 27 ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo. Ikipe ya Rayon Sports yongeye kugaruka mu rugando rwo guhatanira igikombe nyuma yo gutsinda Espoir FC ibitego 2-1 igahita ifata umwanya wa kabiri.

Ikipe ya Kiyovu iyoboye urutonde yanganyije na Mukura 0-0 naho APR FC inganya na AS Kigali igitego 1-1.

Imikino y'umunsi wa 28 biteganyijwe ko izaba taliki 06 na 07 Gicurasi 2023.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 29-04-2023**
- Kiyovu **0-0** Mukura
- Etincelles FC **1-0** Police FC
- APR FC **1-1** AS Kigali
-

**Taliki 30-04-2023**
- Gorilla FC **1-5** Rutsiro FC
- Sunrise FC **3-1** Musanze FC
- Rwamagana City **1-0** Bugesera FC
- Gasogi United **0-2** Marines FC
- Espoir FC **1-2** Rayon Sports

### Urutonde rwa shampiyona 2022-2023

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | Kiyovu | 27 | 57 |
| 2 | Rayon Sports | 27 | 55 |
| 3 | APR FC | 27 | 54 |
| 4 | Police FC | 27 | 45 |
| 5 | AS Kigali | 27 | 44 |
| 6 | Etincelles FC | 27 | 40 |
| 7 | Gasogi United | 27 | 39 |
| 8 | Mukura | 27 | 38 |
| 9 | Gorilla FC | 27 | 35 |
| 10 | Musanze FC | 27 | 34 |
| 11 | Sunrise FC | 27 | 31 |
| 12 | Bugesera FC | 27 | 29 |
| 13 | Rwamagana City | 27 | 29 |
| 14 | Marines FC | 27 | 28 |
| 15 | Rutsiro FC | 27 | 24 |
| 16 | Espoir FC | 27 | 17 |



## **Handball :** Uko imikino ya shampiyona yagenze

Taliki 30 Mata 2023 habaye imikino y'umunsi wa 3 ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo ndetse n'imikino y'umunsi wa mbere muri shampiyona y'icyiciro cya kabiri.

Imikino yo mu cyiciro cya mbere yabereye kuri Kigali Pele Stadium n'i Gicumbi naho iyo mu cyiciro cya kabiri ibera Kimisagara.

Hari imikino y'icyiciro cya mbere yagombaga kubera i Rubavu hagati ya Vision JN HBC, St Martin HC na APR HBC itararangiye kubera imvura.

**Uko imikino yagenze**

**Mu cyiciro cya mbere**
- Nyakabanda HBC 26-43 ES Kigoma
- ES Kigoma 53-43 ADEGI
- ADEGI 28-30 Nyakabanda HBC
- Gicumbi HBT 41-31 UR Huye
- Police HBC 31-33 Gicumbi HBT
- UR Huye 20-39 Police HBC

**Mu cyiciro cya kabiri**
- UR Rukara 27-24 GS St Paul Muko
- GS St Aloys 12-33 Gorillas HBC
- Gorillas HBC 26-26 UR Rukara
- GS St Aloys 16-29 GS St Paul Muko



**MEN'S NATIONAL LEAGUE TABLE STANDINGS**

| RANK | TEAMS/CLUBS | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | GICUMBI HT | 6 | 6 | 0 | 0 | 233 | 150 | +83 | 18 |
| 2 | POLICE HC | 6 | 5 | 0 | 1 | 296 | 158 | +138 | 16 |
| 3 | ES KIGOMA | 6 | 3 | 1 | 2 | 222 | 230 | -8 | 13 |
| 4 | APR HC | 4 | 3 | 0 | 1 | 157 | 114 | 43 | 10 |
| 5 | VISION JN | 4 | 3 | 0 | 1 | 146 | 154 | -8 | 10 |
| 6 | ADEGI | 6 | 2 | 0 | 4 | 203 | 234 | -31 | 10 |
| 7 | NYAKABANDA HC | 6 | 1 | 0 | 5 | 151 | 255 | -104 | 8 |
| 8 | UR HUYE | 6 | 0 | 1 | 5 | 185 | 241 | -56 | 7 |
| 9 | ST MARTIN | 4 | 0 | 0 | 4 | 109 | 166 | -57 | 4 |

**2ND DIVISION MEN'S NATIONAL LEAGUE TABLE STANDINGS**

| RANK | TEAMS/CLUBS | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | GORILLAS HC | 2 | 1 | 1 | 0 | 59 | 38 | +21 | 5 |
| 2 | UR RUKARA | 2 | 1 | 1 | 0 | 53 | 50 | +3 | 5 |
| 3 | ST PAUL MUKO | 2 | 1 | 0 | 1 | 53 | 43 | +10 | 4 |
| 4 | GS ST ALOYS | 2 | 0 | 0 | 2 | 28 | 62 | -34 | 2 |
| 5 | KIBOGORA POLYTEC | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |

# **Basketball :** Uko imikino ya shampiyona yagenze

Taliki 28 kugeza 30 Mata 2023 habaye imikino ya shampiyona mu mukino wa Basketball y'icyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore n'icyiciro cya kabiri mu bagabo.

**Uko imikino yagenze**

FERWABA · Rwanda Basketball League · Cheetah Energy Drink

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - MEN'S DIV 1, DAY 5 TO DAY 7 RESULTS

### SECOND ROUND

| | | |
|---|---|---|
| **DAY 5, FRIDAY 28/04/2023** | | |
| SHOOT 4 STARS | 107-84 | RP IPRC KIGALI |
| UGB | 54-60 | TIGERS BBC |
| **DAY 6, SATURDAY 29/04/2023** | | |
| RP IPRC HUYE | 78-51 | RP IPRC KIGALI |
| RP IPRC MUSANZE | 59-126 | ESPOIR BBC |
| ORION BBC | 78-103 | REG BBC |
| **DAY 7, SUNDAY 30/04/2023** | | |
| RP IPRC MUSANZE | 39-99 | REG BBC |
| K TITANS | 74-82 | TIGERS BBC |

FERWABA · Rwanda Basketball League · Cheetah Energy Drink

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 MEN DIV1 | ROUND 2 RANKING 30/4/2023

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | REG BBC | 14 | 13 | 1 | 0 | 27 | 1316 | 826 | 490 |
| 2 | ESPOIR BBC | 14 | 11 | 3 | 0 | 25 | 1163 | 940 | 223 |
| 3 | K TITANS BBC | 14 | 10 | 4 | 0 | 24 | 1141 | 921 | 220 |
| 4 | TIGERS BBC | 14 | 7 | 7 | 0 | 21 | 954 | 933 | 21 |
| 5 | UGB | 14 | 7 | 7 | 0 | 21 | 896 | 942 | -46 |
| 6 | PATRIOTS BBC | 11 | 9 | 2 | 0 | 20 | 920 | 663 | 257 |
| 7 | APR BBC | 11 | 9 | 2 | 0 | 20 | 992 | 596 | 396 |
| 8 | SHOOT 4 STARS BBC | 15 | 5 | 10 | 0 | 20 | 1034 | 1257 | -223 |
| 9 | ORION | 13 | 6 | 7 | 0 | 19 | 966 | 965 | 1 |
| 10 | RP-IPRC HUYE BBC | 13 | 3 | 10 | 0 | 16 | 825 | 1068 | -243 |
| 11 | RP - IPRC KIGALI BBC | 14 | 0 | 14 | 0 | 14 | 829 | 1220 | -391 |
| 12 | RP-IPRC MUSANZE BBC | 13 | 0 | 13 | 0 | 13 | 631 | 1336 | -705 |

## WOMEN CAT - DAY 10 RESULTS SUNDAY 30/04/2023

| | | |
|---|---|---|
| GS MARIE REINE | 57-78 | APR BBC |
| UR HUYE BBC | 46-108 | RP IPRC HUYE |
| REG BBC | 95-42 | GS GAHINI |
| THE HOOPS RWA | 71-61 | UR KIGALI |

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | APR BBC | 7 | 7 | 0 | 0 | 14 | 585 | 287 | 298 |
| 2 | REG BBC | 7 | 6 | 1 | 0 | 13 | 669 | 332 | 337 |
| 3 | RP-IPRC HUYE BBC | 6 | 4 | 2 | 0 | 10 | 485 | 343 | 142 |
| 4 | GS MARIE REINE BBC | 7 | 3 | 4 | 0 | 10 | 406 | 362 | 44 |
| 5 | THE HOOPS RWA | 7 | 3 | 4 | 0 | 10 | 386 | 442 | -56 |
| 6 | GS GAHINI BBC | 6 | 3 | 3 | 0 | 9 | 267 | 387 | -120 |
| 7 | UR KIGALI BBC | 7 | 1 | 6 | 0 | 8 | 245 | 599 | -354 |
| 8 | UR HUYE BBC | 7 | 0 | 6 | 1 | 6 | 269 | 560 | -291 |

FERWABA · Rwanda Basketball League · Cheetah Energy Drink

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 MEN'S DIV 2 - DAY 6 RESULTS SUNDAY 30/04/2023

### SECOND ROUND

| | | |
|---|---|---|
| FLAME | 72-82 | UR HUYE |
| BLACK THUNDERS BBC | 65-62 | REBERO BB ACADEMY |
| INTARE | 81-64 | KARONGI BBC |
| INSPIRED GENERATION BBC | 70-53 | WIBENA |

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 MEN DIV 2 | 2ND ROUND RANKING 30/04/2023 - GROUP A

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | RUSIZI BBC | 12 | 12 | 0 | 0 | 24 | 923 | 706 | 217 |
| 2 | INTARE BBC | 12 | 8 | 4 | 0 | 20 | 823 | 737 | 86 |
| 3 | THE HOOPS | 11 | 8 | 3 | 0 | 19 | 783 | 703 | 80 |
| 4 | ITS KIGALI BBC | 11 | 7 | 4 | 0 | 18 | 797 | 704 | 93 |
| 5 | KARONGI BBC | 11 | 6 | 5 | 0 | 17 | 763 | 657 | 106 |
| 6 | ELITE BBC | 13 | 4 | 9 | 0 | 17 | 870 | 831 | 39 |
| 7 | KICUKIRO BUCKETS | 11 | 4 | 7 | 0 | 15 | 663 | 614 | 49 |
| 8 | UR KIGALI BBC | 12 | 3 | 9 | 0 | 15 | 714 | 786 | -72 |
| 9 | UK BBC | 11 | 0 | 11 | 0 | 11 | 510 | 1108 | -598 |

FERWABA · Rwanda Basketball League · Cheetah Energy Drink

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 MEN DIV 2 | 2ND ROUND RANKING 30/04/2023 - GROUP B

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | KEPLER BBC | 12 | 11 | 1 | 0 | 23 | 862 | 605 | 257 |
| 2 | INSPIRED GENERATION | 12 | 10 | 2 | 0 | 22 | 946 | 585 | 361 |
| 3 | FLAME BBC | 12 | 8 | 4 | 0 | 20 | 848 | 696 | 152 |
| 4 | WIBENA BBC | 13 | 6 | 7 | 0 | 19 | 822 | 793 | 29 |
| 5 | UR HUYE BBC | 12 | 6 | 6 | 0 | 18 | 825 | 815 | 10 |
| 6 | AZOMCO BBC | 11 | 7 | 4 | 0 | 18 | 643 | 689 | -46 |
| 7 | BLACK THUNDERS BBC | 12 | 3 | 9 | 0 | 15 | 608 | 851 | -243 |
| 8 | REBERO BB ACADEMY | 11 | 2 | 9 | 0 | 13 | 533 | 693 | -160 |
| 9 | SPARTANS BBC | 11 | 0 | 11 | 0 | 11 | 456 | 816 | -360 |

# **Cycling** : Ngendahimana na Ingabire begukanye "Race to Remember 2023"

Taliki 30 Mata 2023 , ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" ku bufatanye na Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS" na Komite Olempike y'u Rwanda "RNOSC" ryateguye isiganwa ngaruka mwaka ryo kwibuka abari mu muryango mugari wa siporo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "Race to Remember 2023".

Iri siganwa ryazengurutse mu bice bya Remera aho abitabiriye bahagurukiraga kuri BK Arena bagakomereza kuri Stade Amahoro – RRA Remera – Kwa Rwahama – UR Campus Remera – Engen – Controle Technique – BK Arena (3,9km).

Abitabiriye isiganwa bari mu byiciro bitandukanye birimo abana bari munsi ny'imyaka 16 mu bakobwa n'abahungu, icyiciro cy'ingimbi n'abangavu, abagabo n'abagore ndetse n'abakanyujijeho.

**Uko isiganwa ryagenze**

- **Abagabo (117km)**

**1.** Ngendahimana Jeremie 2h44'57"
**2.** Muhoza Eric 2h44'57"
**3.**Tuyizere Etienne 2h44'57"

- **Abagore (42km)**

**1.** Ingabire Diane 1h21'18"
**2.** Mwamikazi Djazilla 1h22'34"
**3.** Ntakirutimana Marthe 1h23'16"

- **Ingimbi (42km)**

**1.** Nzeyimana Fiacre 1h26'43"
**2.** Ntirenganya Moses 1h26'43"
**3.** Byusa Pacifique 1h26'43"

- **Abangavu (23.4km)**

**1.** Iragena Charlotte 37'50"
**2.** Byukusenge Mariette 37'52"
**3.** Mutoni Sandrine 37'53"

**Abana**

- **Abahungu U-16 (23.4km)**

**1.** Niyotwizera Lambert 37' 48"
**2.** Gisubizo Issa 38' 10"
**3.** Kwizera Thank you 38'14"

- **Abakobwa U-16 (23.4km)**

1. Niyokwizerwa Clementine 37' 54"
2. Ishimwe Francoise 42' 01"
3. Masengesho Yvonne 42' 50"












## **Football** : Rayon Sports na Indahangarwa zazamutse mu cyiciro cya mbere

Taliki 29 na 30 Mata 2023 ni bwo hakinwe imikino ya ½ muri shampiyona y'icyiciro cya kabiri mu mupira w'amaguru mu bagore aho ikipe ya Rayon Sports WFC ndetse na Indahangarwa WFC zabonye itike yo gukina umukino wa nyuma wo guhatanira igikombe ndetse zinabona itike yo kuzamuka mu cyiciro cya mbere.

Ikipe ya Rayon Sports WFC yitwaye neza itsinda Nasho WFC ibitego 10-1, umukino wabereye mu Nzove aho iyi kipe yakirira imikino ya shampiyona.

Undi mukino wahuje ikipe ya APR WFC na Indahangarwa WFC ibarizwa Rwinkwavu mu Karere ka Kayonza. Iyi kipe y'Indahangarwa WFC yitwaye neza itsinda APR WFC ibitego 2-0. Aya makipe yombi biteganyijwe ko taliki 13 Gicurasi 2023 azakina umukino wa nyuma kugira ngo hamenyekane ikipe izegukana igikombe cya shampiyona y'icyiciro cya kabiri.

Ikipe ya Rayon Sports WFC na Indahangarwa WFC zasimbuye mu cyiciro cya mbere ikipe ya Youvia WFC na Kayonza WFC zamanutse mu cyiciro cya kabiri.







## **Wheelchair Basketball** : Hatangijwe igikorwa cyo guhuza Sosiyete y'abafite ubumuga n'abatabufite

Taliki 29 Mata 2023 muri Lycee de Kigali "LDK" hatangijwe igikorwa cyo guhuza Sosiyete y'abafite ubumuga ndetse n'abatabufite mu mikino "Sports on Wheels".

Iki gikorwa cyateguwe na Rwampungu Meshack wari umukinnyi wa Basketball mu ikipe ya Kigali BC akaza gukora impanuka y'imodoka muri 2015 ubwo bajyaga gukina i Huye bimuviramo kuvunika uruti rw'umugongo bituma adakomeza gukina nk'abadafite ubumuga ahubwo ajya mu gukina mu bafite ubumuga "Wheelchair Basketball".

Ni muri urwo rwego yahisemo gutegura igikorwa cyo guhuza Sosiyete y'abafite ubumuga n'abatabufite binyuze mu mukino wa Basketball ari nayo nawe yavunikiyemo mu gufasha abafite ubumuga ndetse n'abatabufite kugira ngo na bo biyumve muri Sosiyete kandi bumve ko umuntu ufite ubumuga yifitemo impamo ashobora gukunda, bitewe n'umukino uwo ari wo wose.

Uyu mukino wa Wheelchair Basketball ukinwa n'abakinnyi batanu ari byo bita "5×5" ariko hakinwe umukino wa batatu ariwo "3×3" mu bakobwa n'abahungu ndebe banatanga ibikombe ku makipe yatsinze mu byiciro byombi.






# **Goalball :** Ikipe ya Rwamagana na Ngororero zegukanye shampiyona ya 2023

Taliki 29 na 30 Mata 2023 kuri Sitade ya Bugesera habereye imikino ya nyuma ya shampiyona ya Goalball "Goalball Championship 2022-2023".

Ikipe ya Rwamagana mu cyiciro cy'abagabo Ngororero mu cyiciro cy'abagore ni zo zegukanye ibikombe.

Ikipe ya Rwamagana yasoje imikino idatsinzwe aho yatsinze ikipe ya Gisagara amanota 11-10. Ikipe y'abagore ya Ngororero na yo yasoje ku mwanya wa mbere irusha amanota 15 ikipe ya Musanze iri ku mwanya wa kabiri.

Umukino wa Goalball ukinwa n'abafite ubumuga bwo kutabona, bagakina ari batatu mu ikipe ikindi umupira bakoresha ukaba urimo inzogera ituma bawumva.

## 2022-2023 GOALBALL CHAMPIONSHIP

## TABLE



(MEN)

| | Team | Games | Points | Goals |
|---|---|---|---|---|
| 1. | RWAMAGANA | 12 | 36 | 97 |
| 2. | GISAGARA | 12 | 30 | 63 |
| 3. | NGORORERO | 12 | 28 | 64 |
| 4. | KARONGI | 12 | 28 | 52 |
| 5. | MUSANZE | 12 | 24 | 12 |
| 6. | NGOMA | 12 | 15 | -22 |
| 7. | KIREHE | 12 | 14 | -14 |
| 8. | BUGESERA | 12 | 14 | -21 |
| 9. | UR RUKARA | 12 | 14 | -33 |
| 10. | UR HUYE | 12 | 12 | -26 |
| 11. | NYAMASHEKE | 12 | 9 | -31 |
| 12. | UR NYAGATARE | 12 | 7 | -40 |
| 13. | RUBAVU | 12 | 0 | 0 |



(WOMEN)

| | Team | Games | Points | Goals |
|---|---|---|---|---|
| 1. | NGORORERO | 7 | 15 | 17 |
| 2. | MUSANZE | 7 | 15 | 5 |
| 3. | RWAMAGANA | 7 | 13 | 16 |
| 4. | RUBAVU | 7 | 13 | 9 |
| 5. | UR NYAGATARE | 7 | 10 | 0 |
| 6. | NYAMAGABE | 7 | 9 | -4 |
| 7. | UR HUYE | 7 | 7 | -8 |
| 8. | UR RUKARA | 7 | 0 | -27 |











RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave